Mukore uko mushoboye, munatinye Allah bijyanye n'ubushobozi bwanyu, mudakabije cyangwa se ngo murengere, kandi muzirikane ko nta n'umwe uzarokoka kubera ibikorwa bye." Nuko barayibaza bati: Nawe yewe Ntumwa y'Imana? Irabasubiza iti: Nanjye, cyeretse Allah angiriye impuhwe ze n'ubuntu bwe

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mukore uko mushoboye, munatinye Allah bijyanye n'ubushobozi bwanyu, mudakabije cyangwa se ngo murengere, kandi muzirikane ko nta n'umwe uzarokoka kubera ibikorwa bye." Nuko barayibaza bati: Nawe yewe Ntumwa y'Imana? Irabasubiza iti: Nanjye, cyeretse Allah angiriye impuhwe ze n'ubuntu bwe."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yashishikarije abasangirangendo bayo gukora, no gutinya Allah uko bashoboye badakabije cyangwa se ngo barengere, kandi bagaharanira ko ibikorwa byabo babikora kubera Allah wenyine, no gukurikiza umugenzo w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kugira ngo ibikorwa byabyo byakirwe, bityo bikaba impamvu y'uko bagirirwa impuhwe. Irangije ibabwira ko nta n'umwe uzarokoka kubera ibikorwa bye byonyine; ko ahubwo hagomba kuba hari ho n'impuhwe za Allah. Nuko barayibaza bati: Nawe yewe Ntumwa y'Imana ibikorwa byawe wakoze bihambaye ntibizakurokora? Irabasubiza iti: N'ibikorwa byanjye, cyeretse Allah ampishiriye akangirira impuhwe ze.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3469